# CARITAS " URUKUNDO NYAKURI "

## Caritas niiki?

Caritas ni urukundo nyakuri, urukundo nyarukundo rukomoka ku " Urukundo ". Ni urukundo rutikunda ahubwo rukunda ikiremwa-muntu uko kiri kwose, n'aho kiri hose kandi igihe cyose. Yezu yaduhaye urugero rwiza muri Mariko 1,40-45. Yari wenyine igihe umubembe amusanze. Yahise yumva amagorwa ye, amugilira impuhwe, arambura amaboko akora ku mubembe kandi imyifatire y'umuntu yari iyo kumwitaza, akamwinuka, akagira ishozi.
Naho Yezu, ku mpamvu z'umutima wuzuye urukundo, yarenze ku mategeko, amukoraho. Kuri Kristu, umuntu afite agaciro karenze ak'amategeko.Umuntu wese uri mu muryango wa Caritas, yagombye kugira impuhwe, urukundo imbere y'umuntu wese uri mu kaga. Ni ukuvuga utishoboye.Caritas si inzego z'ubutegetsi mu miryango-remezo, santarali, paruwasi, Diyosezi... ahubwo ni ibikorwa bikorerwa abababaye (infubyi, abapfakazi, ibimuga, abarwayi, abatagira kivulira b'ingeri zose ), kuko abo bose ari abavandimwe bacu tugomba gukunda no gufasha nka wa musamaritani w'umunyampuhwe.

## Ibikorwa bya Caritas:

Muntu, waremwe n'Imana kandi akaremwa mu ishusho ryayo, agizwe n'umubili na roho. Kwita ku mubiri gusa ntibihagije.

### a) Imfashanyo y'umubili

Kuva na kera kugeza n'ubu, abagiraneza bakomeje gufasha abatishoboye babaha ibilibwa, amata, amavuta, imiti, ibiringiti. Ariko nkuko abakurambere bacu bakunze kubivuga, " ak'i muhana kaza imvura ihise ". Abashinwa nabo bati: " aho kumpa ifi, uzanyigishe kuyiroba ". Ibi birasaba umunyamuryango wa Caritas wese ko agomba gutoza abo agirira neza kumenya kwifasha, ababumbira mu mashyirahamwe y'ubudozi, ububaji, uburobyi, ubworozi, kandi bagezwaho ibikoresho by'ibanze.

### b) Imfashanyo ya roho

Abakristu barangaje imbere urukundo rwa Kristu, bafite umurimo wa gitumwa " Kwamamaza inkuru nziza " nk'uko Roho wa Nyagasani yohereje Yezu kuyamamaza mu bakene.Gusengana no gusengera abatishoboye byaba ari igikorwa kiza.Ni mur'urwo rwego twamera nka Yezu wishyize mu mwanya w'umubembe akumva akato yahabwaga kugeza ubwo amukoraho, akamukiza. Imyifatire isanzwe y'umuntu nkuko twabibonye, imbere y'imbabare, itera ingaruka mbi kuri we. Ituma yikeka, akagira isoni, akiheba kugeza igihe yicuza impamvu yavutse, yaremye n'Imana imwanga, maze nawe agahindukira akayanga.
Roho ye yabazwa nde? Umunyamuryango wa Caritas, agombye kwogeza Ijambo ry'urukundo yegera abatishoboye.

NYIRIMANA Védaste
Caritas GIKONGORO

# POROGARAMU YO KUBAKA AMAZU MURI CARITAS-RWANDA

**Impamvu ya Porogaramu:** Bitewe n'ibihe u Rwanda rwari ruvuyemo byo muri 1994, amazu menshi yari yarasenywe n'interahamwe, andi ibisasu bikayagwaho. Intambara irangiye, hakurikiyeho gutahuka kw'impunzi zo muri 1959, none ejo bundi hatahutse impunzi zo muri 1994. Ibyo byose byatumye amazu aba make mu gihugu, abantu babura amazu yo kubamo. Ni muri urwo rwego rero Caritas-Rwanda yiyambaje abagiraneza bo hirya no hina ku isi kugirango ibone ubushobozi bwo kunganira Leta y'u Rwanda mu kubonera abanyarwanda amacumbi.

## Caritas-Rwanda yubakira bande?

Yifashishije cyane cyane imiryango-remezo , Caritas-Rwanda yubakira abatishoboye mbere na mbere. Abo ni nk'abasaza badafite aho bakura,
-Ibimuga bitagira kirengera
-Imfubyi
-N'abandi badafite ubushobozi buhagije bwo kwiyubakira.

Na none kandi ntitwabura kubabwira ko guhitamo abubakirwa bitari umulimo gusa w'umuryango-remezo, kuko n'ubutegetsi bwa Segiteri yewe n'ubwa Komine bubigiramo uruhare.Ibyo rero bituma abantu bamenya ko Caritas-Rwanda idafasha gusa ab'idini gatolika gusa, ahubwo ko ifasha buli muntu wese ukeneye inkunga yayo.

## Caritas-Rwanda yubaka ite?

Nk'uko muri iki gihe politiki y'igihugu ali iyo kubaka imidugudu, Caritas-Rwanda nayo niwo murongo ikurikiza yubaka amacumbi.Mu rwego rwo kugirango abantu bongere bahure, bumve ko ali bamwe, bumve ko ibyo bamwe bakoreye abandi ali bibi ( réconciliation ) Caritas-Rwanda yifashishije porogaramu yo kubaka yashatse kwongera guhuza abantu bamwe basiza ibibanza abandi bakabumba amatafari, mbese abantu bo muri ako karere bagahulira hamwe muri icyo gikorwa cyiza cyo guterana inkunga. Iyo rero abaturage bamaze gusiza, babumbye n'amatafari, Caritas-Rwanda ikora ibisigaye aribyo

- gucukura imisingi.
- gushinga fondasiyo y'amabuye
- gusakara
- gutera igishahuro cy'umucanga imbere n'inyuma
- gukinga inzu ( Caritas itanga inzugi 2 , amadirishya 4 ).